# IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA MU MUHANGO WO KURAHIZA ABAHESHA B'INKIKO BATARI AB'UMWUGA N'ABANOTERI KU WA 19/01/2016

Bahesha b'Inkiko namwe Banoteri mumaze kurahira ;

Mbanje kubasuhuza nabaha ikaze muri Minisiteri y'Ubutabera no mu mirimo mishya mumaze kurahirira;

Murahiriye gukorera abaturage imirimo ikomeye ihesha Igihugu cyacu ishema nk'igihugu cyubahiriza amategeko.

Ikindi iyi mirimo ihesha isura nziza ubutabera bw'Igihugu cyacu. By'umwihariko, ni imirimo ihesha abaturage agaciro mu Gihugu cyabo.

Kuri Minisiteri y'Ubutabera twemera ko abaturage aribo dukorera, aribo baduhemba, bityo tugomba kubakorera byiza bishoboka.

Nk'uko tubizi twese, u Rwanda ni Igihugu kigendera ku mategeko, bimwe mu bigomba kubigaragaza ni ugutanga ubutabera bwihuse kandi bunoze kuri buri muntu ubugomba;

Kurangiza imanza zaciwe bikozwe ku gihe biri mu bituma Igihugu gitera imbere kuko uwatsinze urubanza abona ibyo agomba, uwatsinzwe nawe akumva ko agomba kwishyura ibyategetswe n'Urukiko ku neza nta yandi mananiza;

Muri kamere muntu bibaho ko hari abantu bitorohera kwikuraho umutungo ngo bawuhe uwawutsindiye ku neza, ari nayo mpamvu hashyizweho Abahesha b'Inkiko, mu byo bashinzwe hakaba harimo gufasha ufite urubanza yatsinze, icyemezo cy'urukiko cyangwa izindi nyandiko mpesha guhabwa ibyategetswe hubahirijwe inzira ziteganywa n'amategeko;

- Ku bahesha b'Inkiko batari ab'umwuga, mufite inshingano zo gutanga serivise zo kurangiza imanza n'izindi nyandiko mpesha

zatanzwe n'inzego zibifitiye ububasha , ibyo kandi mukabifatanya n'izindi nshingano mufite mu kazi kanyu ka buri munsi, ntibigomba kuba impamvu yo gutinda gushyira mu bikorwa ibyemezo by'inkiko mwirengagiza ibiteganywa n'Itegeko rigenga umurimo w'abahesha b'Inkiko.

- Ku Muhesha w'Inkiko ukorera ku rwego rw'Umuvunyi nawe ufite inshingano zikomeye zo gukurikirana imanza n'ibyemezo by'inkiko byashyikirijwe Inzego zitandukanye zifite mu nshingano kurangiza imanza, mukamenya impamvu bitashyizwe mu bikorwa, bityo ukaba ushinzwe kurenganura abo banyarwanda bazaba bararenganyijwe n'abo bahesha b'Inkiko bazaba barashyikirijwe izo manza n'ibyemezo by'inkiko mu gihe cyateganyijwe n'Itegeko ntibikorwe, byaba ngombwa ukaba hari izo warangiza;

- Abahesha b'Inkiko ba Minisiteri y'Ubutabera y'Ubutabera; bitewe n'uko byagaragaye ko imanza Leta itsindwa ari nyinshi kandi abazitsinzwe bakaba batihutira kuzirangiza ku neza kimwe n'izindi manza zisanzwe, n'inzego bireba zikaba zitabishyiramo imbaraga, mushinzwe gukurikirana umunsi ku wundi bene izo manza, ndetse byaba ngombwa mukaba hari izo mwarangiza. Mukaba rero mutegerejweho umusaruro ugaragara kuri izo manza.

- Kuri ba Noteri mufite inshingano zikomeye mu gutanga serivise z'abantu batandukanye baza babagana basaba kwemeza ko inyandiko zabo zisa n'iz'umwimerere n'izindi Serivise itegeko ribemerera aho mu korera mu bigo bitandukanye haba ku rwego rw'Umurenge, Akarere no mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe Iterambere *(RDB)*

Ba Noteri mwese mumaze kurahira mufite inshingano nziza ariko ikomeye ikaba isaba ubushishozi n'ubunyangamugayo byo kurwego

rwo hejuru, mwibuke ko inyandiko mwemeje igira agaciro gakomeye mu buryo kuyikuraho bitoroshye ariyo mpamvu mugomba gusuzuma inyandiko musinyaho mukagenzura ko yujuje ibiteganywa n’amategeko.

Abahesha b'Inkiko batari ab'Umwuga ndabasaba gushishikariza abo muyobora kurangiza imanza ku neza mukanabibutsa ko itegeko riteganya ikiguzi cyo guhatira kurangiza urubanza ndetse ko n'iyo bibaye ngombwa ko hiyambazwa abahesha b'inkiko b'umwuga ikiguzi cy'ibyakoreshejwe byose kugira ngo urwo rubanza rurangizwe byishyurwa n'uwanze kururangiza ku neza;

Ndabasaba ko mufasha abaturage n’Igihugu muri rusange bene iyo mico igacika, ababigiramo uruhare abo aribo bose bakamenya ko badashobora kuba hejuru y’amatageko. Tubijeje ubufasha muzakenera bwose.

Minisiteri y'Ubutabera yagiye igezwaho ibibazo bigaragaza ko hari abahesha b’Inkiko basiragiza abaturage banga kubarangiriza imanza, yajya k'uw’Akagari, akamwohereza k'uw’Umurenge, uyu nawe akamwohereza ku Karere, uw’Akarere nawe akamwohereza kuri MAJ, umukozi wa MAJ yasanga atabarizwa mu batishoboye akamwohereza ku muhesha w'Inkiko w'Umwuga, iyi myitwarire ikaba idakwiye ku muhesha w’Inkiko. Ndizera ko mwebwe icyo kintu mutazagikora.

Muri iyi myuga, y'Ubuhesha bw'Inkiko n'Ubunoteri murasabwa ubunyangamugayo buri ku rwego rwo hejuru.

Intwaro yanyu ikomeyen'ukurangwa n'ubunyangamugayo,kutagira amarangamutima, kwirinda ruswa, ikimenyane , icyenewabo n’indi mico mibi nk’iyo isenya iyi myuga ariko namwe itabaretse, nizeye ko musanzwe mubizi.

Nimukora akazi kanyu uko bigomba iyi ntego tuzayigeraho.

Mbahaye ikaze, murakoze.